No 97 Kamena-Nyakanga 2014

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## Ijambo ry'ibanze

Icyiciro cya 9 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy) ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ku cyumweru tariki ya 08/06/2014 mu Mujyi wa Kigali no ku cyumweru tariki ya 15/06/2014 mu Ntara y'Iburengerazuba cyasojwe ku mugaragaro.

Kuri mirongo inani n'umunani (88) bari bateganije gusoza aya mahugurwa,hasoje neza mirongo irindwi na batanu (75) aho mu Mujyi wa Kigali ku bayakurikiranira ku Cyicaro cy'Ihuriro, hasoje abanyeshuri mirongo ine (40) naho mu Ntara y'Iburengerazuba ku bayakurikiraniraga mu Karere ka Karongi, hasoza mirongo itatu na batanu (35).

Uru rubyiruko mu gusoza iki cyiciro rwagiranye ikiganiro n'abanyamakuru ba Radiyo na Televisiyo by'u Rwanda mu kiganiro cy'urubyiruko.

*Ubwanditsi*

## ICYICIRO CYA IX CY'AMAHUGURWA MU BYA POLITIKI N'UBUYOBOZI AGENEWE URUBYIRUKO RUTURUKA MU MITWE YA POLITIKI (YPLA) CYASOJWE



*Bwana KAYIGEMA Anicet asoza amahugurwa*

Ku cyumweru tariki ya 08/06/2014 mu Mujyi wa Kigali no ku cyumweru tariki ya 15/06/2014 mu Ntara y'Iburengerazuba hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 9 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy) ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.

Bwana Anicet KAYIGEMA, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yasabye urubyiruko rurangije muri iki cyiciro kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzababafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo haba mu itegurwa ry'inyandiko zisabwa Imitwe ya Politiki, haba mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke bayo, ndetse haba no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki kuko ubuhanga bagaragaje bwabera umusingi washingirwaho mu guteza imbere Imitwe ya politiki yabohereje.

Kuri mirongo inani n'umunani (88) bari bateganije gusoza aya mahugurwa,hasoje neza mirongo irindwi na batanu (75) aho mu Mujyi wa Kigali ku bayakurikiranira ku Cyicaro cy'Ihuriro, hasoje abanyeshuri mirongo ine (40) naho mu Ntara y'Iburengerazuba ku bayakurikiraniraga mu Karere ka Karongi, hasoza mirongo itatu na batanu (35)

Iyi gahunda y'Ishuri igenewe urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, yatangiye mu w'2010; ikorwa gusa mu Mugi wa Kigali ariko nyuma yo kwibonera akamaro ifitiye urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki hirya no hino mu gihugu, Inama Rusange yemeje ko iba gahunda ihoraho kandi ikorerwa mu Gihugu hose ku Rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali. Ni muri urwo rwego buri Mutwe wa Politiki wohereza abasore babiri n'abari cyangwa abategarugori (2) haba ku bakayakurikiranira mu Mujyi wa Kigali ndetse n'abo ku rwego rw'Intara bose batarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35), ngo rwitoze umwuga wa Politiki rwiyemeje kwitabira. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro akaba yarashoje ashimira uru rubyiruko umurava bagaragaje mu gukurikira aya mahugurwa, ashimira n'Imitwe ya Politiki yabohereje, anabwira uru rubyiruko ko azarushimira Imitwe ya Politiki yarutoranyije ku buhanga n'umurava rwagaragaje.

Mu gusoza kandi icyiciro y'aya mahugurwa, urubyiruko rwakurikiraniye amasomo mu Ntara y'Iburengerazuba mu Karere ka Karongi rwagiranye ikiganiro n'abanyamakuru ba Radiyo na Televisiyo by'u Rwanda mu kiganiro cy'urubyiruko gica kuri Televisiyo Rwanda kuwa kane sa moya z'umugoroba (19h00) no kuri Radiyo Rwanda kuwa gatanu sa munani z'umugoroba (14h00). Iki kiganiro cyari gifite insanganyamatsiko igira iti "urubyiruko na Politiki".



*Marcel RUTAGARAMA utegura ikiganiro cy'urubyiruko rw'u Rwanda kuri Radiyo Rwanda na Andrew KAREBA utegura ikiganiro cy'urubyiruko kuri Televiziyo y'u Rwanda n'urubyiruko rushoje gahunda y'amahugurwa.*

# INAMA YA KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO YARATERANYE

Kuwa mbere Tariki ya 02/06/2014, ku biro by'Ihuriro, habaye inama yahuje abagize *Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'I-huriro n'Ubufatanye n'izindi nzego,* iyobowe n'Umuyobozi wa Komisiyo, Hon. MUKANKUSI Perrine.
Mu ngingo zo kwigaho kuri uwo munsi hari Kuganira ku nyandiko nsobanurampamvu y'igikorwa cyo gusuzuma porogaramu zikorwa n'Ihuriro (*Concept note for an assessment study of the capacity building and training programs carried out by the NFPO;* no Gutegura gahunda y'ibikorwa ya komisiyo y'umwaka wa 2014/2015.



***Abagize Komisiyo***

Mu <u>kuganira ku nyandiko nsobanurampamvu y'igikorwa cyo gusuzuma progaramu z'amahugurwa y'ihuriro</u> *(assessment study of the capacity building and training programs carried out by the nfpo)*, Umuyobozi wa Komisiyo yahaye umwanya Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro, Bwana Jijuka Zephyrin ageza ku bitabiriye inama ibikubiye mu nyandiko y'umushinga wo gukora inyigo y'isuzuma rya gahunda zose z'amahugurwa zitegurwa n'Ihuriro. Bwana Jijuka yasobanuye ko iri suzuma rigamije kumenya niba Imitwe ya Politiki yishimira gahunda z'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro, akamaro afitiye Imitwe ya Politiki n'ibyanozwa mu gihe kiri imbere.

Bwana Jijuka yagaragaje ko gahunda zizakorerwa isuzuma ari izi zikurikira:

***<u>Party Leadership Development Program</u>":*** Gahunda y'amahugurwa yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki bwo kwiyubaka no kunoza imiyoborere yayo, yari igenewe abayobozi bakuru b'Imitwe ya Politiki. Iyi gahunda yatangiye 2005 igeza 2007.
**"*<u>Youth Political Leadership Academy</u>*":** Gahunda y'Ishuri ry'urubyiruko muri politiki n'ubuyobozi "YPLA" yatangiye kuva Gashyantare 2010 kugeza Kamena 2014, rikaba rimaze kwigwamo n'abasore n'inkumi baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, bose hamwe bagera 667.
*"**<u>Local Party leadership Training program</u>**"*: gahunda y'amahugurwa aciriritse agenewe abayobozi mu Mitwe ya politiki mu nzego z'ibanze zayo bize amashuri make, cyane cyane abashinzwe amahugurwa n'ubukangurambaga mu Mitwe ya Politiki. Yatangiye muri Gashyantare 2014 kugeza Kamena 2014, hakaba hamaze guhugurwa abayobozi 1311 baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro.
**"*<u>Gender Leadership Program</u>*":** Mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko buri Mutwe wa Politiki ugomba kuba ufite nibura abagore bangana na 30% mu myanya itorerwa y'ubuyobozi; Ihuriro ryateguye amahugurwa agamije guhuza abagore muri buri Mutwe wa Politiki bagasobanurirwa uruhare rw'umugore mu buyobozi n'iterambere ry'Igihugu ndetse no kubatinyura kwiyamamariza imyanya itorerwa bashingiye ku buhamya bwa bagenzi babo b'abayobozi. Aya mahugurwa afasha Imitwe ya Politiki gushyiraho urugaga rw'abagore muri buri Mutwe wa Politiki kuva ku nzego z'ibanze zawo kugeza ku rwego rw'Igihugu.

Mu myanzuro yafashwe, Abagize Komisiyo bemeje ishingiro ryo gukora ubushakashatsi bwo gusuzuma akamaro ka gahunda zose z'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro; Abakomiseri bemeje igikorwa cyo gusuzuma porogaramu z'amahugurwa zikorwa n'Ihuriro kizakorwa n'Abagize Komisiyo ubwabo; Iri suzuma rikazakorwa mu buryo bwo kubaza ibibazo Imitwe ya Politiki (*interview)* bijyanye no kumenya niba yishimiye amahugurwa yateguriwe n'Ihuriro (*niveau de satisfaction*), ingingo bahugurwaho, imitegurire yayo n'imitangire yayo; no kubaza ibyifuzo bafite ku mahugurwa yategurwa mu gihe kiri imbere. Komisiyo izasuzuma imitegurire n'imitangire y'amahugurwa n'ingamba zafatwa ku mbogamizi zaba zagaragaye. Komisiyo izasuzuma kandi umubare w'abantu (quantity) bamaze guhugurwa mu Mitwe ya Politiki, hagamijwe kureba icyo bafasha Imitwe ya Politiki bakomokamo nyuma y'amahugurwa. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buzategura ifishi y'ibibazo (*questionnaire*) izemezwa na Komisiyo, ikazifashishwa mu kubaza Imitwe ya Politiki uko yakiriye gahunda z'amahugurwa iterwamo inkunga n'Ihuriro.

Mu gutegura gahunda y'Ibikorwa bya Komisiyo y'umwaka wingengo y'imari 2014-2015, inama yemeje ko muri gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'umwaka wa 2014/2015, hashyirwamo igikorwa twabonye haruguru cyo gukora isuzuma rya gahunda zose z'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro agenerwa Imitwe ya Politiki, arizo: (Party Leadership Development Program; Youth Political Leadership Program; Intermediate Party Leadership Program; Gender Leadership Program), hagateguteguгwa amahugurwa y'abashinzwe icungamutungo mu Mitwe ya Politiki ku igenamigambi, uburyo bugezweho bw'imicungire n'imikoreshereze y'inkunga ya Leta, gukora raporo y'ibaruramari n'imenyekanishamutungo ku rwego rw'Umuvunyi, n'igikorwa cyo gutanga ibitekerezo ku mubano, ubufatanye burambye n'imikoranire by'Ihuriro n'izindi nzego, zaba izo mu Gihugu cyangwa izo mu mahanga.